

*Umwaka wa 45 n° 4
15 Gashyantare 2006*

*Year 45 n° 4
15th February 2006*

*45^{ème} Année n° 4
15 février 2006*

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda	Official Gazette of the Republic of Rwanda	Journal Officiel de la République du Rwanda
---	---	--

Ibirimo/Summary/Sommaire

A. Amategeko/Laws/Lois

N° 21/2005 ryo kuwa 21/10/2005

Itegeko ryemerera kwemeza burundu Amasezerano ya Bamako yo kuwa 30 Mutarama 1991 abuzaza kuzana imyanda ihumanya muri Afurika kandi agamije kugenzura itwarwa ryayo mu bihugu, n'uburyo ikorerwa muri Afurika yacungwa neza.....

N° 24/2005 ryo kuwa 17/12/2005

Itegeko risesa kandi rigena irangizamutungo w'Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi.....

N° 21/2005 of 21/10/2005

Law authorising the ratification of Bamako Convention of January 30, 1991 on the ban to import hazardous wastes into Africa, the control of their cross-border movement and the management of those produced within Africa.....

N° 24/2005 of 17/12/2005

Law on dissolution and liquidation of the Special Guarantee Fund.....

N° 21/2005 du 21/10/2005

Loi autorisant la ratification de la Convention de Bamako du 30 janvier 1991 sur l'interdiction de l'importation en Afrique des déchets dangereux, le contrôle de leurs mouvements transfrontaliers et la gestion de ceux produits en Afrique.....

N° 24/2005 du 17/12/2005

Loi portant dissolution et liquidation du Fonds Spécial de Garantie.....

B. Amateka ya Perezida/Presidential Orders/Arrêtés Présidentiels

N° 59/01 ryo kuwa 27/12/2005

Iteka rya Perezida rishyiraho indamunite n'ibindi bigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu.....

N° 60/01 ryo kuwa 28/12/2005

Iteka rya Perezida rihindura Iteka rya Perezida n° 59/01 ryo kuwa 27/12/2005 rishyiraho indamunite n'ibindi bigenerwa Abanyacyubahiro Bakuru b'Igihugu.....

N° 59/01 of 27/12/2005

Presidential Order determining allowances and other fringe benefits to be allocated to state top Political Appointees.....

N° 60/01 of 28/12/2005

Presidential Order modifying Presidential Order n° 59/01 of 27/12/2005 on allowances and other frince benefits to be allocated to state top political appointees.....

N° 59/01 du 27/12/2005

Arrêté Présidentiel portant fixation des indemnités et autres avantages alloués aux Hauts Mandataires Politiques de l'Etat.....

N° 60/01 du 28/12/2005

Arrêté Présidentiel modifiant l'Arrêté Présidentiel n° 59/01 du 27/12/2005 portant fixation des indemnités et autres avantages alloués aux Hauts Mandataires Politiques de l'Etat.....

ITEGEKO N° 21/2005 RYO KUWA 21/10/2005 RYEMERERA KWEMEZA BURUNDU AMASEZERANO YA BAMAKO YO KUWA 30 MUTARAMA 1991 ABUZA KUZANA IMYANDA IHUMANYA MURI AFURIKA KANDI AGAMIJE KUGENZURA ITWARWA RYAYO MU BIHUGU, N'UBURYO IKORERWA MURI AFURIKA YACUNGWA NEZA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05 Ukwakira 2005;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 15 Nyakanga 2005;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 41, iya 62, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 189, iya 191 n'iya 201;

Imaze gusuzuma Amasezerano ya Bamako yo ku wa 30 Mutarama 1991 abuzaza kuzana imyanda ihumanya muri Afurika kandi agamije kugenzura itwarwa ryayo mu bihugu, n'uburyo ikorerwa muri Afurika yacungwa neza;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Amasezerano ya Bamako yo kuwa 30 Mutarama 1991 abuzaza kuzana imyanda ihumanya muri Afurika kandi agamije kugenzura itwarwa ryayo mu bihugu, n'uburyo ikorerwa muri Afurika yacungwa neza, yemerewe kwemezwa burundu.

Ingingo ya 2:

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 21/10/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
Dr. MURIGANDE Charles
(sé)

Minisitiri w'Ubutaka, Ibidukikije, Amashyamba, Amazi na Mine
MUGOREWERA Drocella
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

LAW N° 21/2005 OF 21/10/2005 AUTHORISING THE RATIFICATION OF BAMAKO CONVENTION OF JANUARY 30, 1991 ON THE BAN TO IMPORT HAZARDOUS WASTES INTO AFRICA, THE CONTROL OF THEIR CROSS-BORDER MOVEMENT AND THE MANAGEMENT OF THOSE PRODUCED WITHIN AFRICA

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THIS LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of October 5, 2005;

The Senate, in its session of July 15, 2005;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of June 4, 2003 as amended to date, especially in its articles 41, 62, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 189, 191 and 201;

After considering the Bamako Convention of January 30, 1991 on the ban to import into Africa of hazardous wastes, the control of their cross-border movement and the management of those produced within Africa;

ADOPTS:

Article one:

The Bamako Convention of January 30, 1991 on the ban to import into Africa of hazardous wastes, the control of their cross-border movement and the management of those produced within Africa is hereby authorized for ratification.

Article 2:

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 21/10/2005

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

The Minister of Foreign Affairs and Cooperation
Dr. MURIGANDE Charles
(sé)

The Minister of Land, Environment, Forestry, Water and Mines
MUGOREWERA Drocella
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

LOI N° 21/2005 DU 21/10/2005 AUTORISANT LA RATIFICATION DE LA CONVENTION DE BAMAKO DU 30 JANVIER 1991 SUR L'INTERDICTION DE L'IMPORTATION EN AFRIQUE DES DECHETS DANGEREUX, LE CONTROLE DE LEURS MOUVEMENTS TRANSFRONTALIERS ET LA GESTION DE CEUX PRODUITS EN AFRIQUE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 octobre 2005;

Le Sénat, en sa séance du 15 juillet 2005 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 189 , 191 et 201 ;

Après avoir examiné la Convention de Bamako du 30 janvier 1991 sur l'interdiction de l'importation en Afrique des déchets dangereux, le contrôle de leurs mouvements transfrontaliers et la gestion de ceux produits en Afrique ;

ADOPTE :

Article premier :

La Convention de Bamako du 30 janvier 1991 sur l'interdiction de l'importation en Afrique des déchets dangereux, le contrôle de leurs mouvements transfrontaliers et la gestion de ceux produits en Afrique est autorisée à être ratifiée.

Article 2 :

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 21/10/2005

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération
Dr. MURIGANDE Charles
(sé)

Le Ministre des Terres, de l'Environnement, des Forêts, de l'Eau et des Mines
MUGOREWERA Drocella
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEGEKO N° 24/2005 RYO KUWA 17/12/2005 RISESA KANDI RIGENA IRANGIZAMUTUNGO W'IKIGEGA CYIHARIYE CY'UBWISHINGIZI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 11 Ugushyirahamwe 2005;

Ishingiyeho ku Itegeko Nshingira rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 93, iya 108, iya 118, iya 121 n'ya 201;

Isubiyeho ku Itegeko-Teka n° 04/78 ryo kuwa 09 Gashyantare 1978 rishyirahamwe Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi ryemejwe n'itegeko n° 01/82 ryo kuwa 26 Mutarama 1982 nk'uko ryahindurwe kandi ryujijwe kugeza ubu ;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi cyashyirahamwe n'Itegeko-Teka n° 04/78 ryo kuwa 09 Gashyantare 1978 nk'uko ryahindurwe kandi ryujijwe n'itegeko n° 09/1983 ryo kuwa 10/03/1983, kirasheshwe.

Ingingo ya 2:

Iseswa ry'Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi rikurikiranwa n'Akanama k'abashinzwe isesa kagenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe bisabwemo na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Akanama kagizwe n'abantu babiri(2) bahagarariye Banki Nkuru y'Igihugu, babiri (2) bahagarariye Minisitiri ufite imari mu nshingano zayo, uhagarariye buri kigo mu bigo bifite uruhare mu Kigega byitwaga mu magambo akurikira "Ibigi bifite imigabane mu Kigega" n'uhagarariye Urugaga rw'abikorera ku giti cyabo.

Akanama k'isesa gategurira gahunda y'isesa ikemezwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Ingingo ya 3:

Akanama k'abashinzwe isesa gashyirahamwe mu gihe cy'umwaka umwe (1), gashyikiriza raporo y'imirimo yako Guverineri wa Banki Nkuru y'Igihugu n'Inama y'Abaminisitiri inyujijwe kuri Minisitiri ufite imari mu nshingano ze. Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kongera manda yako.

Iyo umwe mu bagize Akanama atarangiye manda ye ku mpamvu iyo ari yo yose, asimburwa hakurikijwe uburyo buteganywa n'ingingo ya 2 y'iri tegeko. Ushyirahamwe arangiza manda y'uwo asimbuye.

Ingingo ya 4:

Akanama k'abashinzwe isesa gafite inshingano zikurikira:

- 1° kwemeza ibarura ry'umutungo kimwe n'imyenda y'Ikigega cyangwa imyenda Ikigega gifitiye abandi;
- 2° kwishyura, ku bwumvikane cyangwa binyuze mu nkiko, imyenda yose y'Ikigega;
- 3° kugenzura imyenda yose idashidikanywaho;
- 4° kwishyura indi myenda yose yabonewe gihamya ko ari yo;
- 5° kugabanya umutungo w'Ikigega usagutse hakurikijwe ingingo ya 5 y'itegeko n° 09/1983 ryo kuwa 10/03/1983 rihindurira kandi ryuzuzwa Itegeko-Teka n° 04/78 ryo kuwa 09 Gashyantare 1978 rishyirahamwe Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi;
- 6° gushyikiriza raporo y'iseswa n'irangizamutungo Minisitiri ufite Imari mu nshingano ze, kakagera kopi Banki Nkuru y'Igihugu n'ibigo bifite imigabane mu Kigega.

Ingingo ya 5:

Akanama gategura amategeko yihariye agenga imikorere yako, kakayashyikiriza Minisitiri ufite imari mu nshingano ze kugira ngo ayemeze.

Ingingo ya 6:

Amafara yose agenda ku iseswa n'irangizamutungo w'Ikigega Cyihariye cy'Ubwishingizi yishingirwa n'Ikigega.

Ingingo ya 7:

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 8:

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 17/12/2005

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

LAW N° 24/2005 OF 17/12/2005 ON DISSOLUTION AND LIQUIDATION OF THE SPECIAL GUARANTEE FUND

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT TO BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of November 11, 2005;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in its articles 62, 66, 67, 90, 93, 108, 118, 121 and 201;

Revisited the decree-law n° 04/78 of 9 February 1978 establishing a Special Guarantee Fund confirmed by the law n° 01/82 of 26 January 1982 as amended and complemented to date;

ADOPTS:

Article one:

The Special Guarantee Fund established by the decree-law n° 04/78 of 9 February 1978 as modified and completed by the law n° 09/1983 of 10 March 1983 is hereby dissolved.

Article 2:

The dissolution of the Special Guarantee Fund is supervised by a Committee in charge of the dissolution and liquidation appointed by the Order of the Prime Minister upon proposal by the Minister in charge of finance.

The committee is composed of two (2) persons representing the National Bank of Rwanda, two (2) persons representing the Ministry in charge of finance, one (1) person representing each of the institutions which contribute to the Special Fund referred to as "depositors in the Fund" and one (1) person representing the Rwanda Private Sector Federation .

The dissolution committee prepares the dissolution plan and submits it to the Minister in charge of finance for approval.

Article 3:

The dissolution committee is established for a period of one (1) year and shall submit its activity report to the Governor of the National Bank of Rwanda and the Cabinet through the Minister in charge of finance. The order of the Prime Minister may extend its mandate.

In the event where, for any reason, a member of the committee is not able to complete his or her term of office, he or she is replaced in accordance with the provisions of article 2 of this law. The appointee completes the term of his or her predecessor.

Article 4:

The dissolution committee has the following responsibilities:

- 1° to approve the inventory of the Fund's assets and liabilities;
- 2° to effect the recovery, by an out-of- court agreement or by courts of law, of all liabilities of the Fund;
- 3° to verify all the indisputable liabilities;
- 4° to settle all the liabilities after proof of their existence;
- 5° to share out the credit balance of the assets of the Fund in accordance with Article 5 of law n° 09/1983 of 10 March 1983 modifying and complementing the decree-law n° 04/78 of 9 February 1978 establishing the Special Guarantee Fund;
- 6° to submit to the Minister in charge of finance, the dissolution and the liquidation report of the Fund, and reserve copies to the National Bank of Rwanda and depositors in the Fund.

Article 5:

The committee drafts its internal rules and regulations which are submitted to the Minister in charge of finance for approval.

Article 6:

All fees relating to dissolution and liquidation of the Special Guarantee Fund are borne by the Fund.

Article 7:

All previous legal provisions contrary to this law are hereby abrogated.

Article 8:

This law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 17/12/2005

The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)

The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)

The Minister of Finance and Economic Planning
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

LOI N° 24/2005 DU 17/12/2005 PORTANT DISSOLUTION ET LIQUIDATION DU FONDS SPECIAL DE GARANTIE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 11 novembre 2005 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 93, 108, 118, 121 et 201 ;

Revu le Décret-loi n° 04/78 du 09 février 1978 portant création du Fonds Spécial de Garantie confirmé par la loi n° 01/82 du 26 janvier 1982 telle que modifiée et complétée à ce jour ;

ADOPTE :

Article Premier :

Le Fonds Spécial de Garantie, créé par le Décret-loi n° 04/78 du 09 février 1978 tel que modifié et complété par la loi n° 09/1983 du 10 mars 1983, est dissous.

Article 2 :

La dissolution du Fonds Spécial de Garantie est placée sous la supervision d'une Commission de dissolution nommée par Arrêté du Premier Ministre, sur proposition du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

La Commission est composée de deux (2) représentants de la Banque Nationale, de deux (2) représentants du Ministère ayant les finances dans ses attributions, d'un (1) représentant de chacune des institutions impliquées dans le Fonds de garantie désignées ci-après comme « organismes déposants » et d'un (1) représentant de la Fédération Rwandaise du Secteur Privé.

La Commission élabore un plan de dissolution qu'elle soumet au Ministre ayant les finances dans ses attributions pour approbation.

Article 3 :

La Commission de dissolution est créée pour une durée d'une (1) année renouvelable par Arrêté du Premier Ministre. Elle transmet son rapport d'activités au Gouverneur de la Banque Nationale du Rwanda et au Conseil des Ministres à travers le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Lorsque pour une raison quelconque un membre de la Commission ne parvient pas à terminer son mandat, il est remplacé conformément aux dispositions de l'article 2 de la présente loi. Le nouveau membre termine le mandat de celui qu'il remplace.

Article 4 :

Les attributions de la Commission de dissolution sont les suivantes :

- 1° approuver l'inventaire de l'actif et du passif du Fonds ;
- 2° assurer le recouvrement à l'amiable ou par voie judiciaire de toutes les créances du Fonds ;
- 3° procéder à l'apurement du passif dont l'existence est incontestable ;
- 4° procéder au paiement de toutes les dettes dont l'existence a été prouvée ;
- 5° assurer la répartition du solde positif des avoirs conformément à l'article 5 de la loi n° 09/1983 du 10/03/1983 modifiant et complétant le Décret-loi n° 04/78 du 09 février 1978 portant création du Fonds Spécial de Garantie ;
- 6° soumettre le rapport de dissolution et de liquidation au Ministre ayant les finances dans ses attributions et en réserver copie à la Banque Nationale du Rwanda et aux organismes déposants.

Article 5 :

La Commission élabore son règlement d'ordre intérieur et le soumet au Ministre ayant les finances dans ses attributions pour approbation.

Article 6 :

Toutes les dépenses relatives à la dissolution et à la liquidation du Fonds Spécial de Garantie sont à la charge de celui-ci.

Article 7 :

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 8 :

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 17/12/2005

Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)

Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

ITEKA RYA PEREZIDA N° 59/01 RYO KUWA 27/12/2005 RISHYIRAHU INDAMUNITE N'IBINDI BIGENERWA ABANYAPOLITIKI BAKURU B'IGIHUGU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repbulika

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kanama 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 112, iya 121 n'ya 201 ;

Dushingiye ku Itegeko-Ngenga n° 34/2003 ryo kuwa 16/09/2003 rishyiraho ibigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 3, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 11 n'ya 12

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ;

Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 04/11/2005 ;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE

UMUTWE WA MBERE : INGINGO Z'IBANZE

Ingingo ya mbere:

Iri teka rishyiraho indamunite n'ibindi bigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 2 y'Itegeko Ngenga n° 34/2003 ryo kuwa 16/09/2003 rishyiraho ibigenerwa Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu.

Ingingo 2:

Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu bahabwa indamunite n'ibindi mu buryo butandukanye hashingiwe ku nzego z'imirimo n'imyanya y'imirimo barimo.

UMUTWE WA II : IBIGENERWA PEREZIDA WA REPUBULIKA

Ingingo ya 3:

Perezida wa Repbulika agenerwa ibi bikurikira:

1. Indamunite mbumbe y'umurimo ingana n'amafaranga 3.890.282 Frw buri kwezi;
2. Amafaranga akoreshwa ku icumbi (frais d'intendance) angana na 6.500.0000 Frw buri kwezi;
3. Inzu yo kubamo (state house) ifite ibyangombwa byose;
4. Imodoka eshanu (5) z'akazi za buri gihe n'ibyangombwa byazo byose;
5. Amazi n'amashanyarazi byishyurwa byose na Leta;
6. Uburyo bw'itumanaho rigezweho, rigizwe na telefone itagendanwa, telefone igendanwa, fax, internet, telefone sateliteri, anteni parabolike, n'irindi tumanaho ryose ryangombwa rimufasha gusohoza inshingano ze. Uburyo bw'itumanaho bushyirwa mu biro ndetse no mu rugo n'ahandi hose bigaragaye ko ari ngombwa, byose byishyurwa na Leta.
7. Uburinzi (gardes républicaines) buhoraho haba ku kazi, mu rugo ndetse n'ahandi hose hagaragaye ko bukenewe.

UMUTWE WA III: IBIGENERWA PEREZIDA WA SENA, PEREZIDA W'UMUTWE W'ABADEPITE NA MINISITIRI W'INTEBE

Ingingo ya 4:

Perezida wa Sena na Perezida w'Umutwe w'Abadepite bagenerwa buri wese indamunite mbumbe y'umurimo ingana n'amafaranga 2.796.325 Frw buri kwezi.

Minisitiri w'Intebe agenerwa indamunite mbumbe y'umurimo ingana n'amafaranga 2.326.689 Frw buri kwezi.

Ingingo ya 5:

Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite na Minisitiri w'Intebe bagenerwa buri wese ibindi bikurikira:

1. Inzu yo kubamo ifite ibyangombwa byose;
2. Amafaranga akoreshwa ku icumbi (frais d'intendance) angana na 600.000 Frw buri kwezi;
3. Imodoka ebyiri (2) z'akazi buri gihe n'ibyangombwa byazo byose;
4. Amazi n'amashanyarazi byishyurwa na Leta;
5. Uburyo bw'itumanaho rigezweho, rigizwe na telefone itangandanwa, telefone igendanwa, fax, internet, anteni parabolike. Uburyo bw'itumanaho bugashyirwa mu biro ndetse no mu rugo byose byishyurwa na Leta;
6. Uburinzi ku kazi, mu rugo, n'ubwo buri wese agendana mu modoka imwe bwihariye ;
7. Ibiteganywa mu ngingo ya 7-7° na 8° y'iri teka, bakabihabwa hakurikijwe uburyo buteganywa muri iyo ngingo kugira ngo boroherezwe kugira imodoka bwite yo gukoresha mu rugo.

Article 6 :

Iteka rya Minisitiri ufite ibikorwa Remezo mu nshingano ze rigena icyiciro n'ibikoresho bijyanye n'amacumbi ndetse n'ubwoko bw'imodoka bagenerwa Abanyapolitiki b'Ikirenga mu gihugu.

UMUTWE WA IV: IBIGENERWA ABAMINISITIRI, ABANYAMABANGA BA LETA, N'ABANDI BAGIZE GUVERINOMA BASHOBORA KUGENWA NA PEREZIDA WA REPUBULIKA BIBAYE NGOMBWA

Ingingo ya 7:

Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta, n'Abandi bagize Guverinoma bashobora kugenwa na Perezida wa Repubulika bibaye ngombwa, bagenerwa buri wese ibi bikurikira:

1. Indamunite mbumbe y'umurimo buri kwezi ingana n'amafaranga 1.042.089 Frw ku ba Minisitiri na 1.035.770 Frw ku Banyamabanga ba Leta ;
2. Amafaranga mbumbe angana na 446.609 Frw ku ba Minisitiri na 443.902 Frw ku Banyamabanga ba Leta bagenerwa buri kwezi yo kunganirwa kwiyishyura amazi n'amashanyarazi, kwakira abashyitsi mu rugo, uburyo bw'itumanaho mu rugo;
3. Amafaranga yo kwakira abashyitsi ku kazi angana na 300.000 Frw buri kwezi ;
4. Amafaranga yo kwishyura telefoni, internet na fax byo mu biro angana n'ibihumbi ijana (100.0000 Frw) ku kwezi n'aya telefone igendanwa angana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 Frw) ku kwezi ;
5. Leta iha buri wese 12 000 000 Frw mu rwego rwo kumwunganira kwiyubakira cyangwa kwigurira icumbi igihe atangiye imirimo ye ;
6. Amafaranga yo kwigurira ibikoresho byo mu nzu angana na 5.000.000 Frw mu gihe batangiye imirimo yabo. Aya mafaranga atangwa rimwe gusa ;
7. Gusonerwa amahoro y'imodoka iri mu cyiciro kiri hagati ya cc 2.500 na 3.000, ku giciro ntarengwa cya 20 000 000 Frw igeze i Kigali. Leta iha buri wese inkunga y'amafaranga miriyoni cumi(10.000.000 Frw) kugira ngo ashobore kwigurira imodoka ye bwite, andi nyirubwite arayitangira. Bikorwa rimwe mu myaka itanu, nkuko biteganywa n'amasezerano n'imikoreshereze y'imodoka akorwa hagati ya nyir'ubwite na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
8. Amafaranga angana na 475.000 Frw buri kwezi atabarirwa mu mushahara yo kumufasha gukoresha iyo modoka guhera igihe atangiriye akazi.

UMUTWE WA V: IBIGENERWA VISI-PEREZIDA WA SENA NA VISI-PEREZIDA W'UMUTWE W'ABADEPITE

Ingingo ya 8:

Visi-Perezida wa Sena na Visi-Perezida w'Umutwe w'Abadepite bagenerwa buri wese ibi bikurikira:

1. Indamunite mbumbe y'umurimo ingana n'amafaranga 1.065.305 Frw buri kwezi ;
2. Amafaranga mbumbe angana na 456.559Frw bagenerwa buri kwezi yo kunganira kwiyishyura amazi n'amashanyarazi, kwakira abashyitsi, uburyo bw'itumanaho, amafaranga y'icumbi;
3. Amafaranga yo kwakira abashyitsi ku kazi angana na 300.000 Frw buri kwezi ;
4. Amafaranga yo kwishyura telefoni, internet na fax byo mu biro angana n'ibihumbi ijana (100.0000 FRW) ku kwezi n'aya telefone igendanwa angana n'ibihumbi ijana na mirongo itanu(150.000 FRW) ku kwezi ;

5. Amafaranga yo kwigurira ibikoresho byo mu nzu angana na FRW 5.000.000 mu gihe batangiye imirimo yabo. Aya mafaranga atangwa rimwe gusa ;
6. Gusonerwa amahoro y'imodoka iri mu cyiciro kiri hagati ya cc 2.500 na 3.000, ifite agaciro ka 20 000 000Frw igeze i Kigali. Leta iha buri wese inkunga y'amafaranga miriyoni cumi(10. 000. 000 Frw) kugirango ashobore kwigurira imodoka ye bwite, andi nyirubwite arayatangira. Bikorwa rimwe mu myaka itanu, nkuko biteganywa n'amasezerano y'imicungire n'imikoreshereze y'imodoka akorwa hagati ya nyirubwite na Minisitiri ufite imari munshingano ze;
7. Amafaranga angana na 475.000 Frw atabarirwa mu mushahara yo kumufasha gukoresha imodoka guhera igihe atangiriye akazi.

UMUTWE WA VI :IBIGENERWA ABASENATERI N'ABADEPITE

Ingingo ya 9 :

Abasenateri n'Abadepite bagenerwa ibi bikurikira:

1. Indamunite mbumbe y'umurimo ku Basenateri ingana n'amafaranga 758.893 Frw buri kwezi. Bahabwa kandi andi mafaranga mbumbe angana na 325.000 Frw yo kunganira kwishyura amazi n'amashanyarazi, kwakira abashyitsi mu rugo, indamunite y'imirimo y'Inteko (indemnités parlementaires), uburyo bw'itumanaho, indamunite y'icumbi, bahabwa buri kwezi;
2. Indamunite mbumbe y'umurimo ku Bادهپite ingana n'amafaranga 649.432 Frw buri kwezi. Bahabwa kandi andi mafaranga angana na 278.328 Frw yo kunganira kwishyura amazi n'amashanyarazi, kwakira abashyitsi mu rugo, amafaranga y'itumanaho, indamunite y'imirimo y'Inteko (indemnités parlementaires), ndamunite y'icumbi, amafaranga y'ingendo, bahabwa buri kwezi.
3. Abasenateri n'Abadepite basonerwa amahoro y'imodoka iri mu cyiciro kiri hagati ya cc 1.500 na 2.500, ifite agaciro ka 16.000.000 Frw ku ba Senateri na 15.000.000 Frw ku ba Depite igeze i Kigali. Leta irabishingira mu gihe bafashe inguzanyo mu ma banki y'ubucuruzi akorera mu Rwanda. Buri wese na none agenerwa buri kwezi amafaranga angana na 150.000 Frw atabarirwa mu mushahara yo kumufasha gukoresha imodoka guhera igihe atangiriye akazi.
4. Kubera imirimo bakora, Abaperezida ba Komisiyo muri Sena no m'Umutwe w'Abadepite, bongererwa buri wese 35.000 Frw naho Abavisi-Perezida b'izo Komisiyo bakongererwa buri wese 30.000 Frw ku byo Abasenateri cyangwa Abadepite bagenerwa mu gika cya mbere n'icya kabiri cy'iri tegeko.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 10:

Ku birebana n'uburindi bw'Abanyapolitiki bavugwa mu ngingo ya 7, 8, n'ya 9 bagenerwa nibura umupolisi umwe bagendana, Leta isanze ari ngombwa cyangwa nyirubwite abyifuje.

Ingingo ya 11:

Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu bavugwa mu ngingo ya 3 n'ya 4 y'iri teka iyo bagiye mu butumwa imbere mu gihugu, bishyurirwa na Leta amafaranga yose yakoreshejwe muri ubwo butumwa.

Ingingo ya 12:

Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu bavugwa mu ngingo ya 7 n'ya 8 iyo bagiye mu butumwa imbere mu gihugu, buri wese ahabwa amafaranga y'ingoboka angana na 10.000 Frw buri muni. Iyo bibaye ngombwa ko barara aho bagiye mu butumwa, fagitiri z'icumbi, ifunguro n'ibinyobwa bidasindisha, kwakira abantu, ay'umushoferi byishyurwa n'urwego bakoramo.

Ingingo ya 13:

Abanyapolitiki bavugwa mu ngingo ya 7, iya 8, iya 9 n'ya 10, iyo bagiye mu butumwa imbere mu gihugu, boroherezwa na Leta uburyo bwo gutwarwa; iyo aho bagiye harengaje Km 30 uvuye aho basanzwe bakorera.

Ingingo ya 14:

Abasenateri n'Abadepite iyo bagiye mu butumwa imbere mu gihugu, buri wese ahabwa amafaranga y'ingoboka angana n'amafaranga ibihumbi birindwi (7.000 Frw) buri muni. Iyo bibaye ngombwa ko barara mu butumwa, fagitiri z'icumbi, ifunguro n'ibinyobwa bidasindisha, byishyurwa n'urwego bakoramo ku mafaranga atarengeje ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw) ku muni.

Ingingo ya 15:

Abanyapolitiki Bakuru b'Igihugu bavugwa muri iri iteka iyo bagiye mu butumwa hanze y'igihugu, hakurikizwa ibiteganywa n'amategeko ashahiraho indamunite z'abajya mu butumwa mu mahanga.

Ingingo ya 16:

Mu gihe Abanyapolitiki bavugwa muri iri teka bitabye Imana bakiri ku mirimo yabo, amafaranga yose akoreshwa mu mihango y'ishyamba yishyurwa na Leta.

Ingingo ya 17:

Abanyapolitiki bavugwa mu ngingo ya 7 n'ya 8 bari basanzwe bafite imodoka za Leta batangira guhabwa amafaranga abafasha gukoresha imodoka zabo bwite bakimara gusubiza imodoka za Leta.

Ingingo ya 18:

Ibyakozwe mbere y'uko iri teka ritangazwa bitanyuranyije n'iri teka bihawe agaciro.

Ingingo ya 19:

Ingingo z'amateka yose abanziriza iri zinyuranye naryo zivanyweho.

Ingingo ya 20:

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri w'Ibikorwaremezo basabwe gushyira mu bikorwa iri teka.

Ingingo ya 21:

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 27/12/2005

Perezida wa repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
EL-Hadj BUMAYA André Habib
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Ibikorwaremezo
BIZIMANA Evariste
(sé)

Bibonywe kandi bishizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)

PRESIDENTIAL ORDER N° 59/01 OF 27/12/2005 DETERMINING ALLOWANCES AND OTHER FRINGE BENEFITS TO BE ALLOCATED TO STATE TOP POLITICAL APPOINTEES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Given the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in its Articles 112, 121 and 201;

Given Organic Law N° 34/2003 of 16/09/2003 determining allowances and other fringe benefits to be allocated to State Top Political Appointees, especially its Articles 2,3,6,7,8,9,10,11 and 12;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by Cabinet, meeting in its session of 04 November 2005;

HAVE ORDERED AND DO HEREBY ORDER:

CHAPTER ONE: PRELIMINARY PROVISIONS

Article One:

This Order sets allowances and other fringe benefits to be allocated to State Top Political Appointees as provided for in Article 2 of Organic Law N° 34/2003 of 16/09/2003 determining allowances and other fringe benefits to be allocated to State Top Political Appointees.

Article 2:

State Top Political Appointees shall get different allowances and other fringe benefits on the basis of institutions of appointment and posts occupied.

CHAPTER II: FOR THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC

Article 3:

The President of the Republic shall receive the following:

1. A wholesome working allowance of RwF 3,890,282 per month;
2. Residence and guest entertainment allowance of RwF 6,500,000 per month;
3. A fully furnished state house;
4. Five permanent official vehicles with all their accessories;
5. Water and electricity bills fully paid by the State;
6. Modern communication equipment including a fixed telephone line, a mobile phone, fax machine, Internet connection, a satellite phone, a dish antenna and any other communication means where deemed necessary to allow him discharge his duties. Communication equipment installed in his office, in his residential house and in any other place as deemed necessary shall be paid by the State.
7. Permanent security (Republican guards) both at work, at his residence as well as at any other place where needed.

CHAPTER III: FOR THE PRESIDENT OF THE SENATE, THE SPEAKER OF PARLIAMENT AND THE PRIME MINISTER

Article 4:

The President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies shall each receive a wholesome working allowance of RwF 2,796,325 per month. The Prime Minister shall be granted a wholesome working allowance of RwF 2,326,689 per month.

Article 5:

The President of the Senate and the Speaker of the Chamber of Deputies shall each receive the following:

1. A fully furnished residential house;
2. Residence and guest entertainment allowance of RwF 600,000 per month;
3. Two permanent official vehicles with all their accessories;
4. Water and electricity bills fully paid by the State;
5. Modern communication equipment including a fixed telephone line, a mobile phone, fax machine, Internet connection and a dish antenna. The communication equipment installed in his office and in his residential house shall be paid by the State.
6. Security at work, at the residence and individual security agent each travels with in their car;
7. They shall receive those allowances and other fringe benefits as provided for in Article 7, 7° and 8° of this Order in accordance with provisions of this Article to allow them to purchase their own car to be used for household purposes.

Article 6:

